**<u>Ijambo ryo guherekeza Inyumba Aloysia, Umugore w'Agaciro!</u>**

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika na Madamu akaba n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club;
- Banyacyubahiro mwese muteraniye hano;
- Muryango, nshuti namwe bavandimwe ba Nyakwigendera Madame Inyumba Aloysia;

Twese abagize umuryango "Unity Club" dufite intimba ikomeye cyane, ariko kandi dutewe ishema n'uko utuvuyemo yari intwari, n'umugore w'agaciro gakomeye.

Intwararumuri Madame Inyumba Aloysia, yabaye umwe mu bahagurukanye na Unity Club igishingwa mu mwaka wa 1996 bagamije guhuza abagore bashakanye n'abayobozi bari cyangwa bigeze kuba muri Guverinoma n'abagore ubwabo bari cyangwa bigeze kuba muri Guverinoma, kugira ngo bishyire hamwe, bagire ihuriro rifasha mu gutanga ibitekerezo mu miyoborere y'igihugu muri gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge nyuma ya Jenoside, igihe ibikomere byayo byari bikiri byose, kandi biyubake ubwabo mu rwego rwo gutanga icyitegererezo cyiza ku banyarwanda muri rusange. Yakomeje kurwanira ishyaka umuryango Unity Club, afatanya n'abandi kuwushyigikira no kuwushakira amaboko, none ukaba ugeze ku ntera ishimishije. Atabarutse yari atubereye Umuyobozi Wungirije wa Kabiri. Tuboneyeho umwanya wo kwihanganisha uwo bashakanye akaba n'umunyamuryango wacu mu rwego rw'abanyamuryango bunganira.

Turihanganisha kandi Nyakubahwa Perezida wa Repubulika mubuze umukozi w'imena mu ikipe yanyu. Turihanganisha Guverinoma yose n'abanyarwanda muri rusange. Turihanganisha itorero ryamutoje, ari wo Muryango RPF. Tubuze umuyobozi w'intangarugero waharaniye gushyira gahunda z'Igihugu mu bikorwa igihe n'imburagihe, bimwe mu cyongereza bagira bati **"To go an extra mile"**.

Zimwe muri gahunda Nyakwigendera Madame Inyumba yafatanyije n'abandi gushyira mu bikorwa zirimo:

- Gutsura iterambere rya buri munyarwanda bihereye mu cyaro;
- Kubaka umuco w'ubumwe n'ubunyarwanda;
- Gushishikariza abanyarwanda gutaha mu rwababyaye;
- Guharanira ko buri mwana arererwa mu muryango;
- Guharanira iterambere ry'umugore no kubaka ubushobozi bwe mu bya politiki n'ubukungu;
- N'izindi.

Madame Inyumba Aloysia azibukirwa kuri byinshi by'indashyikirwa.

Tuzahora twibuka ukwitanga kwe gutangaje, yiyibagirwa ubwe kugira ngo agirire abandi ibyiza;

Tuzahora twibuka imvugo ye ituje kandi yoroheje, nyamara igusha ku ntego;

Tuzahora tumwibuka nk'umugore w'imbaraga mu guharanira impinduka;

Tuzahora tumwibuka by'umwihariko nka Unity Club igihe tugiye gusura impfubyi cyangwa abapfakazi yitangiraga cyane;

Tuzahora tumwibuka nk'intwararumuri-mutarambirwa mu muryango wacu wa Unity Club, akaba mutiganda mu bayobozi b'iki gihugu.

Unity Club irunamira intore y'indashyikirwa; tubuze inshuti, umubyeyi, umuvandimwe n'umuyobozi wizihiye u Rwanda n'abanyarwanda, yemwe n'inshuti z'u Rwanda. Biragoye gutekereza Unity Club tutamufitemo. Gusa turahozwa n'urwibutso rw'ibyiza adusigiye tuzahora tumwibukiraho kandi duharanira gusigasira umurage adusigiye wo kuba intwararumuri "n'uduseke tw'amahoro", bizatubera ikimenyetso cy'ubumwe bw'abanyarwanda. Mu by'ukuri, Nyakwigendera Inyumba asize adushingiye urukiramende rurerure cyane, tugomba guharanira gusimbuka nk'abayobozi mu nzego zinyuranye.

**None rero muvandimwe wacu Inyumba Aloysia, turagushimira cyane urumuri waducaniye.**

**Uzatura mu mitima yacu twese nk'Umugore w'Agaciro. Iruhukire mu mahoro muvandimwe. Imana ikwakire mu bayo.**